REPUBULIKA Y'U RWANDA

NATIONAL INSTITUTE OF STATISTICS OF RWANDA

# IGIPIMO CY'IHINDAGURIKA RY'IBICIRO (CPI)

## UKWEZI KW'UKWAKIRA 2023

10 Ugushyingo 2023

IKIGO CY'IGIHUGU CY'IBARURISHAMIBARE MU RWANDA

## IGIPIMO CY'IHINDAGURIKA RY'IBICIRO MU KWEZI KW'UKWAKIRA 2023

Ikigo cy'igihugu gishinzwe ibarurishamibare mu Rwanda kinejejwe no kubagezaho igipimo cy'ihindagurika ry'ibiciro mu kwezi kw'Ukwakira 2023. Igipimo ngenderwaho cyifashishwa mu bukungu bw'u Rwanda kiboneka hifashishijwe gusa ibiciro byakusanyijwe mu mijyi.

### A. Ibiciro mu mijyi

Mu kwezi kw'Ukwakira 2023, ibiciro mu mijyi byiyongereyeho 11,2% ugereranyije n'Ukwakira 2022. Ibiciro mu kwezi kwa Nzeri 2023 byari byiyongereyeho 13,9%.

Mu kwezi kw'Ukwakira 2023, ibiciro byiyongereye bitewe ahanini n'ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byiyongereyeho 23,1%, ibiciro by'ibinyobwa bisembuye n'itabi byiyongereyeho 8,4% n'ibiciro by'ibijyanye n'ubwikorezi byiyongereyeho 8,4%.

Ugereranyije Ukwakira 2023 n'Ukwakira 2022, ibiciro by'ibintu bitarimo ibiribwa n'ibikomoka ku ngufu byiyongereyeho 7,4%.

Ugereranyije Ukwakira 2023 na Nzeri 2023, ibiciro byiyongereyeho 0,3%. Iri zamuka ahanini ryatewe n'ibiciro by'ibijyanye n'ubwikorezi byiyongereyeho 2%.

### B. Ibiciro mu byaro

Mu kwezi kw'Ukwakira 2023, ibiciro mu byaro byiyongereyeho 14,1% ugereranyije n'Ukwakira 2022. Ibiciro mu kwezi kwa Nzeri 2023 byari byiyongereyeho 21,5%.

Bimwe mu byatumye ibiciro byiyongera mu kwezi kw'Ukwakira, ni ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byiyongereyeho 22,3%, ibiciro by'ibinyobwa bisembuye n'itabi byiyongereyeho 8,3% n'ibiciro by'amafunguro n'icumbi byiyongereyeho 15,1%.

Ugereranyije Ukwakira 2023 na Nzeri 2023, ibiciro byiyongereyeho 1,1%. Iri zamuka ahanini ryatewe n'ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byiyongereyeho 1,6%.

## C. Ibiciro bikomatanyirijwe hamwe (mu mijyi no mu byaro)

Mu kwezi kw'Ukwakira 2023 ibiciro mu Rwanda byiyongereyeho 12,9% ugereranyije n'Ukwakira 2022. Mu kwezi kwa Nzeri 2023 ibiciro byari byiyongereyeho 18,4%.

Bimwe mu byatumye ibiciro byiyongera mu kwezi kw'Ukwakira 2023, ni ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byiyongereyeho 22,5%, ibiciro by'ibinyobwa bisembuye n'itabi byiyongereyeho 8,3% n'ibiciro by'amafunguro n'icumbi byiyongereyeho 9,8%.

Ugereranyije Ukwakira 2023 na Nzeri 2023, ibiciro byiyongereyeho 0,8%. Iri zamuka ahanini ryatewe n'ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byiyongereyeho 1,1%.

**Imbonerahamwe igaragaza incamake y'ihindagurika ry'ibiciro mu Rwanda kuva m'Ukwakira 2022 kugeza m'Ukwakira 2023.**

| Ijanisha ry'ihinduka ry'ibiciro ugereranyije n'ukwezi bisa k'umwaka ushize n'ukwezi kwakubanjirije | | | | | | | | | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| | 2022 | | | 2023 | | | | | | | | | |
| | 10 | 11 | 12 | 01 | 02 | 03 | 04 | 05 | 06 | 07 | 08 | 09 | 10 |
| **Ijanisha ry'ihinduka ry'ibiciro ku mwaka** | | | | | | | | | | | | | |
| Mu mijyi | 20,1 | 21,7 | 21,6 | 20,7 | 20,8 | 19,3 | 17,8 | 14,1 | 13,7 | 11,9 | 12,3 | 13,9 | 11,2 |
| Mu byaro | 39,2 | 42,9 | 39,2 | 38,8 | 37,1 | 39,5 | 35,9 | 28,2 | 25,1 | 21,0 | 20,8 | 21,5 | 14,1 |
| Mu Rwanda | 31,0 | 33,8 | 31,7 | 31,1 | 30,3 | 31,0 | 28,4 | 22,4 | 20,4 | 17,3 | 17,4 | 18,4 | 12,9 |
| **Ijanisha ry'ihinduka ry'ibiciro ku kwezi** | | | | | | | | | | | | | |
| Mu mijyi | 2,7 | 0,8 | 0,0 | 1,3 | 1,8 | 1,8 | 1,1 | -1,3 | 0,4 | 0,0 | 0,9 | 3,6 | 0,3 |
| Mu byaro | 7,6 | 1,5 | -2,5 | 2,6 | 3,2 | 4,3 | 2,0 | -3,5 | -1,0 | 0,0 | 1,4 | 4,3 | 1,1 |
| Mu Rwanda | 5,6 | 1,3 | -1,5 | 2,1 | 2,7 | 3,4 | 1,7 | -2,7 | -0,4 | 0,0 | 1,2 | 4,0 | 0,8 |
| *Isoko:Ikigo cy' igihugu gishinzwe ibarurishamibare mu Rwanda* | | | | | | | | | | | | | |

**Ku bindi bisobanuro:**

Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Ibarurishamibare mu Rwanda (NISR)

Agasanduku k'Iposita 6139 Kigali,

Tel:+250 -788383103  Hot line: 4321

Web site: www.statistics.gov.rw /CPI Indexes

Email: info@statistics.gov.rw